Itangazo rireba abanyeshuri bose bemerewe inguzanyo na Guverinoma y'u Rwanda

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ibiteganywa mu itegeko N°44/2015 ryo kuwa 14/09/2015 rigena imitangire y'inguzanyo na buruse ku banyeshuri, Banki y'u Rwanda itsura amajyambere, BRD, yishimiye kumenyesha abanyeshuri bashya bemerewe inguzanyo yo kwiga na Guverinoma y'u Rwanda mu mwaka w'amashuri 2016/2017 n'abasanzwe bayihabwa bataratanga amasezerano y'inguzanyo, ko bagomba kwiyandikisha bakanuzuza ibisabwa mu masezerano y'umunyeshuri nkuko bigaragara mu buryo bwa MIS buboneka ku rubuga rwa www.brd.rw (Student Loan).

Ibikurikizwa mu kwiyandikisha n'uko buzuza ipaji y'amasezerano bigaragara kuri iyo MIS.

Icyiciro cya mbere : Abanyeshuri bashya n'abasanzwe biga bagaragara ku rutonde rw'abadafite amasezerano

Aba bazabasha kubona amasezerano banyuze kuri www.brd.rw (Student Loan), basome amategeko n'amabwiriza arebana n'amasezerano y'inguzanyo z'abanyeshuri, bavane kuri internet (download) ifishi yitwa '**amasezerano yerekeye inguzanyo yo kwiga amashuri makuru mu Rwanda**'. Umunyeshuri yuzuza iyi fishi akayisinya n'umwishingizi we agasinya, akayifotoza (scan), akayinjiza (upload) kuri MIS.

Icyiciro cya kabiri : Abanyeshuri basanzwe biga bafite amasezerano

Abanyeshuri basanzwe biga bafite amasezerano y'umwaka w'amashuri ushize basabwe kuvugurura (edit) amakuru batanze muri MIS kugirango ajyane n'igihe bityo bazabashe kujya bagenerwa amafaranga y'ishuri n'ayo kubafasha mu masomo yabo. Ntabwo bo bakeneye gusinya andi masezerano keretse abagaragara ku rubuga rwa BRD, www.brd.rw ko batayasinye.

Abanyeshuri bagomba kuba bamaze kwiyandikisha no gutanga amasezerano y'inguzanyo mu buryo bwa MIS bitarenze kuwa 16 Nzeli 2016.

Abakeneye ibindi bisobanuro cyangwa ubufasha, bakegera BRD banyuze ku rubuga rwayoeducation@brd.rw cyangwa bagahamagara kuri nimero itishyurwa 0788388168.

BRD kandi iboneyeho kumenyesha abanyeshuri ko guhera muri Nzeli uyu mwaka izatangira guha inguzanyo abanyeshuri bujuje ibisabwa.

BRD ibifurije umwaka mwiza w'amashuri 2016/2017